REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°31/2018: **Ugushyingo igice cya1: 01–10 Ugushyingo 2018**

Ryoherejwe kuwa 12 Ugushyingo 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu gice cya mbere cy' Ugushyingo_2018 (kuva taliki 1-10_Ugushyingo_2018); cyagaragaje imvura yari ku kigero gisanzwe muri rusange ariko i Burasirazuba haboneka imvura nyinshi ahandi haboneka imvura ihagije;
- **Imvura ihagije yabonetse** muri iki gice cya mbere cya Ugushyingo_2018 yatumye ubuhehere bukomeza kwiyongera hose mu gihugu
- **Mu gice cya kabiri Ugushyingo_2018 (11-20_Ugushyingo_2018);** hateganyijweko imvura ikomeza kuboneka neza mu bice byose by'igihugu; ikaba nyinshi mu Burengerazuba ugereranyije n'ahandi mu gihugu

I. Iriburiro

Mu gice cya mbere cy'Ugushyingo_2018; cyagaragaje imvura nyinshi mu Burasirazuba cyane cyane mu majyepfo yabwo ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri iyo minsi kuri buri bupimiro mu gihe ahandi mu gihugu hagaragara imvura iri ku kigero cy'imvura isanzwe iboneka

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Ugushyingo_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Ugushyingo_2018	01-10_Ugushyingo
Kigali	30.8	43.6
Rusizi (Kamembe)	24.8	63.4
Rubavu (Gisenyi)	25.1	56.6
Nyamagabe (Gikongoro)	28.1	42.9
Ngoma (Kibungo)	134.8	39.4
Gicumbi (Byumba)	37.4	58.5
Busogo	50.6	65.6
Bugarama	25.5	33.6
Musanze (Ruhengeri)	44.6	55.9
Gitega	41.3	40.3
Rubengera	43.3	32.3
Byimana	22.1	43.0
Kawangire	52.5	47.6
Nyagatare	42.1	34.5

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye 01-10_Ugushyingo_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye 21-31_Ukwakira_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Ugushyingo_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Ugushyingo



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-31_Ukwakira_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Ukwakira



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Mataliki ya 01-10_Ugushyingo_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Ugushyingo; cyagaragaje imvura nyinshi mu majyepfo y'Uburasirazuba (aho ku bupimiro bwa Ngoma ariho hagaragaye imvura nyinshi ingana na mm134.8); ibi bitandukanye n'ibyabonetse mu gice cya gatatu ari nacyo cya nyuma cy'Ukwakira_2018 aho muri aka gace k'amajyepfo yo mu Burasirazuba ariho habonetse imvura nke ugereranyije n'ahandi mu gihugu (reba **Ikarita1; 2; 3&4** ndetse n'ikigereranyo ku mvura "**Imbonerahamwe1**")

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Ukwakira.2018 igice cya gatatu

Ikarita5: Ugushyingo.2018 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Ukwakira kugeza 10_Ugushyingo_2018; ububobere bw'ubutaka bwariyongereye hose mu gihugu kubera urukurikirane rw'iminsi y'imvura yabonetse mu mpera z'igice gatatu cy'Ukwakira_2018 kugeza mu ntangiriro z'igice cya mbere cy'Ugushyingo_2018 (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Ugushyingo_2018

Mu gice cya kabiri cya Ugushyingo_2018; hateganijwe imvura iziyongera ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya mbere cy'Ugushyingo_2018 (cyane mu gihugu hagati ndetse no mu Burengerazuba) mu minsi ya mbere y'iki gice; naho mu cyumweru cya 2 (guhera taliki 18) ikaba iteganijwe kugabanuka (cyane mu gihugu hagati ndetse no mu majyaruguru yo mu Burasirazuba):

- **Umujyi wa Kigali**: hateganijwe imvura iri ku kigero cya mm 60 kugeza kuri mm125 muri ibi byumweru bibiri
- **Intara y'Uburasirazuba**: hateganijwe imvura iri ku kigero cya mm 40 kugeza kuri mm80 muri ibi byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyepfo**: hateganijwe imvura iri ku kigero cya mm 40 kugeza kuri mm125 muri ibi byumweru bibiri
- **Intara y'Uburengerazuba**: hateganijwe imvura iri ku kigero cya mm 100 kugeza kuri mm150 muri ibi byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyaruguru**: hateganijwe imvura iri ku kigero cya mm 60 kugeza kuri mm150 muri ibi byumweru bibiri

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Ugushyingo_2018



Ikarita7: Ugushyingo.2018 igice cya kabiri

Ikarita8: Ugushyingo.2018 igice cya gatatu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)